

Association

"Mouvement Social Muhutu"

"Ishyaka ry'Amajyambere y'Abahutu".

Objet :

Adresse – Requête

Au Mwami Ndahindurwa I

Au Mwami Ndahindurwa I

Mwami,

Umuryango wacu w'Ishyaka ry'Amajyambere y'Abahutu uje kubonana nawe. Abo ureba imbere yawe hano ni abakuru mu bayobozi bawo.

Amagazeti yakumenyesheje icyo twe n'ibihumbi amagana tuli kumwe duharanira, ni ubureshye bw'abaturage bose imbere y'amategeko, ku buryo abahutu badakomezwa gufatwa mu Rwanda nk'ingaruzwamuheto, nk'abakolonijwe n'abatutsi.

Kuvuga democrasi ntibihagije, gukora demokrasi ku batutsi basa, ntibitunganyije u Rwanda, muli iyi Afrika imiryango yose ishakamo ubwigenge

Ibyakuraho ubwo bukolonizwe bwa gitutsi ku bahutu no kubatwa twarabivuze :  
Twabibwiye umwami mukuru wawe, twabibwiye leta mbiligi, twabibwiye intumwa z'ububiligi zimaze guhita.

Mu byo dushaka ko bibangukirwa ibya mbere ni ibi:

1. Gukuraho ubwite bw'bikingi. N'umwanya amategeko y'ibikingi n'amasambu ataruzura, abaturanyi bose bakaba baragira bese, ubwatsi bwaba bwabaye rusange, birebwa n'inama za susherie. Ibyo twizeye ko wabishobora vuba, ugahumuliza igihugu.

2. Gukuraho urugero rw'abashefu. Bagatangira ubu gukora za Komune, byendeye ku kwunga amasusherie. Uko gutangira gukora za komune bitoroshya iby'itora dutegerereje amategeko.

3. Turashaka ko komune yigerera kuli teritwari, teritwari igasohoreza kapitali y'igihugu. Kandi kapitali ikaba imwe mu gihugu.

4. Turashaka ko abategeka bese batabanye neza na rubanda bakurwaho.: bigaha umwanya uko kurema za komune uko tubyifuzza.

5. Turashaka ko urukiko rw'igihugu ruba parke yonyine : hakabaho inkiko enye : urwa Komune, urwa sekteri alirwo rw'ubu rwa shefu, urwa teritware, na parke.

6. Turashaka ko nta rukiko rukorwamo n'abatutsi gusa, cyanga n'abahutu gusa.

7. Turashaka ko rubanda rwitorera abategetsi kavukire ba za komune, inama z'igihugu z'ingero zose, umujugi wo muli komune.

Administrateri kavukire w'umufasha, agatorwa n'inama ya teritwari. Abandi bajugi bagatangwa n'inama zilinganiye n'aho bazaca imanza. Bakemezwa na parka.

Ibyo ni byo Ishyaka ry'Amajyambere y'Abahutu ryifuza ko biba intango ya demokrasi, ili ku ndimi zose mu gihugu. Hali n'ibindi byinshi, ku mashuri, ku mibanire y'abantu, ku mali y'igihugu. Ntutwiyemeje kubivuga byose none, kubera urugendo tuzi ufite.

Tuzi ko no mubyo tuvuze halimo bimwe bigomba igihe, aliko hali ibindi nk'inumero 1, 2, 4, byarangira vuba. Ibyo bitabanje kuba, itora lizaza ntiriyazatungana mu buryo bwo gukuraho ubukolonize bw'abatutsi ku bahutu.

Ikundi dusaba cyo cyashoboka ubu, ni ukubahiliza Leta mbiligi n'Umwepiskopi w'iKabagayi : hali abihaye kubasebya muli rubanda no kurwibagiza akamaro bafitiye igihugu ushinzwe, kulinda mu mahoro n'amajyambere abaturage bose.

Twizeye ko ububasha ufite buzabishoborera igihugu : ubuvandimwe n'ubwumvikane bw'abaturage ntibube mu magambo gusa ngo "Tuli abanyarwanda twese" na "Imbaga y'inyabutatu ijya mbere", nti bibe ikinyoma mu gihugu ushinzwe.

Hagati aha hali abihaye kuvuga ko abantu abahutu kanaka na kananaka banze umwami, ngo barasinyisha kwanga umwami. Ababivuga barabeshya igishaje. Gusaba kubonana na we, no kuzakomeza kukugezaho ibibazo by'Umuryango w'Ishyaka ry'Amajyambere y'Abahutu, bizakwereke ukuli kwacu. Mouvement Social Muhutu yabayeho ku ngoma ya mukuru wawe, ku ngoma yawe twizeye ko ibyo duharanira uzabiha gushoboka. Abavuga ngo hali muli twe abaka sinyature, cyanga ngo abahutu bakoze ubusa banga umwami, ababuvuga batyo nibareke kutubeshyera bakulikire udupolitique twabo mu buryo bwiza.

Ibyo duharanira ntitwabihejeje mu rwihisho, twabyanditse mu cyo amagazeti yise Manifeste y'Abahutu, twabibwiye umwami, twabibwiye Leta, twabibwiye intumwa z'ububiligi; ntutubihisha cyanga ngo tubishyigikize inzangano no gusebanya. Duhinyura icyo tutabonaho amajyambere ya rusange rw'abanyarwanda bose, tukavuga icyo twifuza.

Mwami, ubu bubaye ubwambere, kandi atali ubwa nyum. Ishyaka ry'Amajyambere y'Abahutu lije kukubwira icyo ryifuza.

Pour le Comité Central du Mouvement Social Muhutu

Signé :

Kayibanda Grégoire, président général  
Niyonzima Maximilien, Vice-prés.général  
Mulindahabi Calliope, secrétaire général.  
Sibomana Joseph, trésorier général

7. 8. 1959